

KIASI

Itangazo ry'ibitangazamakuru risaba ibitekerezo rusange mu gihe cy'iminsi 30.

“Ibitekerezo by'abafatanyabikorwa” Kiasi energy ku bufatanye na RDIS mu mushinga wo kugabanya ibicanwa hifashishijwe amashyiga agabanya ibicanwa mu Rwanda, bise **Better cooking for better health in Rusizi district -Rwanda**, ukaba urimo gutezwa imbere binyuze muri VERRA / Voluntary Carbon Standard (VCS) na (SD VSta) Sustainable development verified standard mu rwego rwo kubona Voluntary Carbon Units (VCU).

Aya mashyiga agabanya ibicanwa aratangwa kandi akanubakirwa mu ngo zo mu Rwanda, mu karere ka Rusizi bityo agasimbura amashyiga gakondo (amashyiga atatu), hagamijwe kugabanya ingano y'ibicanwa (inkwi) bikoreshwa mu guteka, bikanagabanya ibyuka bihumanya ikirere ndetse n' imyotsi yo mu bikoni.

Mu kugabanya inkwi hakoreshejwe ishyiga rya Canarumwe, binagabanya amafranga yatangwaga hagurwa inkwi mu ngo nyinshi bityo bikongera umutungo w'urugo binyuze mu kugabanya inkwi zigurwa n'umwanya ukoreshwa mu gutashya inkwi bakawusimbuza gukora indi mirimo ibyara inyungu ndetse bakabaho ubuzima bwiza butarimo indwara z'ubuhumekero ziterwa n' imyotsi myinshi.

Ishyiga CANARUMWE rikorerwa hano iwacu, rigatangwa ku bagenerwabikorwa, rikubakirwa mu gikoni bikoze n'abafundi babisobanukiwe bityo bakabona ubushobozi bwo kwiteza imbere ariko bunguka ubumenyi ngiro bikanabafasha kuzamura imibereho yabo niya abagenerwabikorwa .

Ishyiga iyo ryangiritse bidakabije ,risanwa na ba nyiraryo kugira ngo rirambe cyangwa rigasimburwa mu gihe ryangiritse cyane. Bitewe nuko umushinga ushyirwa mu bikorwa kandi ukanagenzurwa na abafatanyabikorwa bari mu gihugu, bituma umushinga uramba ukagirira akamaro akarere muri rusange.

Ku bijyanye nandi makuru mwakwifuzwa y'uyu mushinga n'ibitekerezo byanyu, mwasura umurongo wacu Kiasi energies: <https://canopy-energy.com/en/canopy-energy/> ndetse no kuri <https://registry.terra.org/app/projectDetail/VCS/4585>.

Muze dufatanye kuzanisha impinduka ku mibereho y'abaturarwanda muri rusange ndetse tunashyigikira iterambere rirambye kuri buri wese. Twese hamwe, twubake ejo heza hafite isuku .

Turakira ibitekerezo bijyanye nuko havugururwa imiterere y'umushinga. Ku bindi bisobanuro mwakwandikira: juliette.cosson@canopy-energy.com, cg mugahamagara +250 788 760 910 Viateur Ntarindwa.